



IZINA RYA KONTI:

NIMERO YA KONTI:

AMABWIRIZA AGENGA UBWISHINGIZI BWO KOHEREZA AMAFARANGA
HADAKORESHEJWE SHEKI

Nzi/Tuzi neza ko amabwiriza yo kohereza amafaranga kuri iyi konti agomba kugenwa na sheki yanje/yacu yashizweho umukono hakurikijwe ibisabwa. Ndemera/turemera ko gukoresha inyandiko [fax], telefoni, e-mail, amabaruwa (ku mutwe w'ibaruwa cyangwa ubundi buryo) cyangwa irindi tumanaho ridatekanye mu gutanga amabwiriza yo kohereza amafaranga cyangwa andi nk'ayo adaherekejwe na sheki yanje/yacu, azatuma konti yanje/yacu ikurwaho amafaranga cyangwa ishyirwaho amafaranga hakurikijwe uko ibantu bimeze, bijyana n'ibyago by'inyongera n'ibyo kwibasirwa n'uburiganya.

Hagendewe ku kuba banki yemera kwakira no gukurikiza ayo mabwiriza, itumanaho n'inyandiko binyuze kuri fax, telefoni, e-mail, amabaruwa yanditswe hakurikijwe inshingano zanje/zacu kandi adaherekejwe na sheki ndemera/turemera mu buryo budasubirwaho guha banki indishyi no kuyigaragariza ibyangombwa byose (harimo iziteganywa n'amategeko n'amafaranga yakoreshejwe, ibirego, ibihombo, ibyangijwe n'imanza zaciwe) banki ishobora guhura nabyo cyangwa gutakaza cyangwa bishobora kuvuka bitewe n'uko yemeye cyangwa yagendeye kuri ayo mabwiriza, itumanaho cyangwa inyandiko.

Ndanemera/turemera bidasubirwaho kuvana burundu banki ku kuryozwa icyo ari cyo cyose mu gihe telefoni, e-mail, fax cyangwa ibaruwa itakiriwe, yaciwe, yahinduwe, itasomwe cyangwa yarogowe, yiganwe, itari yuzuye, itemewe, cyangwa yatinze ku mpamvu iyo ari yo yose no gufatwa nabi cyangwa ifite inenge iyo ari yo yose.

Banki ifite uburenganzira busesuye, ku mpamvu iyo ari yo yose ariko ntitegetswe gutangaza impamvu iyo ari yo yose yo gukora cyangwa kudakora ku makuru yakiriye haba kuri fax, e-mail cyangwa amabaruwa cyangwa amabwiriza yakiriye kuri telefoni adaherekejwe na sheki yanje/yacu cyangwa gusaba igenzura cyangwa kwemeza inyandiko n'amabwiriza yakiriwe mu buryo nk'ubwo.

Bikozwe ----- tariki ya----- 20-----

Umukono w'Ubifitiye Ububasha Umukono

wemewe w'Ubifitiye Ububasha mu gihe atari ikigo

cy'ubucuruzi:

Izina:

Umukono:

Itariki: